REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

IBYIFUZO-NAMA BYAVUYE MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU GUHANGANA NA RUSWA, INZITIZI ZIKIGARAGARA N'INGAMBA ZAFATWA

Gashyantare 2017

1. INTANGIRIRO

Ku wa 17 Gashyantare 2017, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, mu cyumba cy'inama z'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite habereye inama nyunguranabitekerezo ku guhangana na ruswa, inzitizi zikigaragara n'ingamba zafatwa, yateguwe na APNAC-RWANDA.

Iyi nama yitabiriwe n'abayobozi mu nzego zinyuranye barimo Abaminisitiri, Abasenateri, Abadepite, Umuvunyi mukuru, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, Umushinjacyaha Mukuru, Abaguverineri, Abayobozi muri Polisi y'u Rwanda, Abahagarariye Ibigo bya Leta n'iby'Abikorera, Abayobozi b'Uturere, Imiryango itari iya Leta irwanya ruswa n'akarengane n'abandi.

2. IMIGENDEKERE Y'INAMA

Nyuma y'ijambo ryo gufungura inama, abitabiriye inama bagejejweho ibiganiro bikubiye mu matsinda atatu (panel), byatanzwe n'abahagarariye inzego zihuriye ku nshingano zo gukumira no kurwanya ruswa. Ibiganiro byatanzwe n'ibi bikurikira:

- ✓ ***Aho Ruswa yiganje, Intera igezeho ndetse n'Uburyo bushya mu kuyitanga no kuyakira***, Iki kiganiro cyatanzwe n'itsinda ririmo: Komisiyo y'Inteko Ishinga Amategeko ikurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta (PAC), Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru (NPPA) na Polisi y'u Rwanda (RNP).
- ✓ ***Inzitizi mu kurwanya ruswa n'icyakorwa kugira ngo irandurwe burundu,*** Iki kiganiro cyatanzwe n'itsinda rihuriweho n'Urwego rw'Umuvunyi, Transparency International Rwanda (T.I-Rw) n'Ibiro by'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta (OAG).
- ✓ ***Indagagaciro z'Umuco nyarwanda nk'Umusemburo wo guca Imitekerereze, imikorere n'imyitwarire byemera ruswa***, Iki kiganiro cyatanzwe n'itsinda rihuriweho na: Minisiteri ya Siporo n'Umuco (MINISPOC), Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (RALC) na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (NIC).

Nyuma yo kugezwaho ibi biganiro uko ari bitatu (3), abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo ari nabyo byashingiweho hatangwa ibyifuzo-nama bikurikira:

1) *Gushyiraho uburyo bwo kunoza amategeko y'u Rwanda kugira ngo agaragaze umwimerere wayafasha kurandura, gukumira no guhana icyaha cya ruswa, gucunga nabi umutungo wa Leta no kuwunyereza hitabwa cyane cyane ku nzizitizi zagaragajwe;*

2) *Kunoza uburyo bw'imitangire y'amasoko ya Leta hategurwa neza amasezerano yayo mu rwego rwo kuziba ibyuho byose bikigaragara mu mitangire y'amasoko ya Leta.*
3) *Gushyiraho Urwego rw'Ubugenzuzi mu Rugaga rw'Abavoka rukurikirana imyitwarire yabo no gushyiraho uburyo bw'imikoranire hagati y'ubwo bugenzuzi n'ubugenzuzi bw'ubushinjacyaha, n'ubw'inkiko kugira ngo bahane amakuru kandi bafatire ingamba hamwe.*
4) *Gushyira mu itegeko rigenga 'Urugaga rw'Abavoka' ko abantu birukanywe mu nzego z'ubucamanza kubera ruswa cyangwa indi myitwarire mibi batakwinjira mu Rugaga;*
5) *Guhagarika ku mirimo uwakoze amakosa mu kazi adashidikanywaho atuma haba gukeka ruswa n'ubwo yaba atahamwe n'icyaha;*
6) *Gushyira mu bikorwa ifatira ry'umutungo wifashishijwe cyangwa ukomoka ku cyaha cya ruswa guhera iperereza ritangiye no kuwunyaga igihe nyirawo yahamwe n'icyaha;*
7) *Gushyira imbaraga mu Kwigisha urubyiruko, mu byiciro bitandukanye ku buryo bw'umwihariko, n'ibindi byiciro by'abanyarwanda muri rusange ububi bwa ruswa binyuze mu biganiro n'imfashanyigisho mu burezi ndetse no mu nsengero;*
8) *Guhuza za "systems" zikusanya amakuru ku buryo byoroshyakubona amakuru yihuse kandi yuzuye;*
9) *Gushyiraho 'specialization' kuva mu bugenzacyaha kugera mu nkiko mu rwego rwo guhuza imyumvire ku buremere bwa ruswa;*
10) *Gushyiraho uburyo buhoraho bwo kwigenzura (auto evaluation) ku bigo bya Leta n'ibyabikorera hagamijwe kugaragaza no guhana abakozi bagaragayeho ruswa;*
11) *Kwihutisha politiki ya "cashless" mu rwego rwo kuziba icyuho cya ruswa, hagabanywa amafaranga ahererekanywa mu ntoki.*